

[P. Zamperini Agostino, rcj]

Umuhamagaro w'ubusaserdoti

Umuhamagaro w'ubusaserdoti uhita ukurikira umuhamagaro w'Uburogasiyonisti, uhera mu Gushyingo 1869¹¹. Anibale atangaza ko yumvise ahamagariwe ubusaserdoti “mu buryo bwihariye, cyangwa se mu yandi magambo mu buryo budasanzwe”¹² kuko, nk'uko abyivugira, ni umuhamagaro waranzwe “n'ibintu bitatu: 1. Ni umuhamagaro mbere na mbere wantunguye : Narinkunze ubuzima nyobokamana bwa gikristu, muri ibyo bihe byari byiganjemo ubuyobe bw'abarwanya Kiliziya mu mayeri n'abafite ibitekerezo byo gukora icyo ushatse cyose (de maçonnerie et de libéralisme); Ariko sinatekerezaga ku buzima bwa kiliziya. Maze, mu buryo butunguranye, Nyagasani anyoherereza urumuri rwe. 2. Ni umuhamagaro ntashoboraga kwima amatwi : Numvaga ntashobora rwose kwanga iyo ngabire. Nta kundi byari kujyenda uretse kwemera nkirekura. 3. Ni umuhamagaro ntashoboraga gushidikanyaho: nyuma y'urwo rumuri, namenye neza rwose ntashidikanya ko Imana impamagara, ko kandi Nyagasani anshaka muri iyo nzira”¹³.

Byongeye kandi, mu muhamagaro w'ubusaserdoti harimo ikintu nden-gakamere¹⁴ kuko nk'uko nyirubwite abihamiriza padiri Vitale ndetse n'abandi bantu: “ijoro rimwe arigusenga, yiyumvisemo imbaraga nyinsi zimuhatira kwiyegurira Nyagasani wesewese, akamwituraho igitambo kandi akava mu by'isi. Si we wabonye bucya maze yiruka ajya mu Kiliziya gushengerera Yezu mu Isakaramentu ritagatifu ry'Ukaristiya. Icyo gihe hariho umuco mwiza wo w'ishengerera ry'amasaha 40. Maze muri iryo sengesho ryo gshengerera akomeza asubiramo aya magambo y'ikilatini: loquere, Domine, quia audit servus tuus, (ari byo bivuga ngo vuga Nyagasani Umugaragu wawe arumva 1Sam.3,10). Maze yumva mu mutima we amajwi, kandi agira urumuri muri roho ye, yumva ikibatsi kigurumana mu mutima we, ku buryo adashobora, cyangwa se ahari adashaka gusobanura”¹⁵.

Ubuhamya bwa Padiri Vitale bushimangirwa n'amagambo ya Profeseri Lewopold Nicotra (1846-1940), inshuti yo mu bwana ya Anibale akaba n'umwalimu w'isomo ry'ibimera (bita botanique mu ndimi z'amahanga) muri kaminuza ya Mesina. Aragira ati: “Namenye byinshi ku nshuti yanjye magara Anibale kuko ntacyo yampishaga [...] yumvaga Imana imuhamagara by'agahebuzo. Ndibukana ikiniga amagambo ye bwite yuzuye ubwiyoroshye (ndayandika uko yayivugiye):” Imana irampamagara, kandi ku buryo buda-


11 CONGREGATIO PRO CAUSIS SANCTORUM, *Positio super virtutibus*, vol II, Roma 1988, pp. 1268-1269.

12 B. VITALE, *Il Can. Annibale Maria Di Francia nella vita e nelle opere*, Messina Scuola Tipografica Antoniana, 1939-XVII, p. 758.

13 T. TUSINO T., *Non disse mai no*, Edizioni Paoline 2ª ed., Modena 1967, p. 23.

14 B. VITALE, pp. 35-36.

15 Ib., p. 36.



sanzwe ndetse ikoresheye ibimenyetso bitunguranye, irasa nk'aho impatira kuba umupadiri". Ndumva amarira anzenga mu maso kandi ndasa nk'uri kumva ijwi ry'iyi Ntore, [...] Yambwiraga yeruye (kuko yarazi neza imyemerere yanjye) ibyerekeye uburyo budasanzwe Imana yari yifashishije ngo imukure mu by'isi kandi imusige amavuta matagatifu"¹⁶.

Muri make, umuhamagaro w'ubupadiri uza ukurikiye cya gitekerezo cya Rogate ndetse dushobora kwibaza ko arink'urubuto rwacyo. Ntagushidikanya ko, nk'umuhamagaro w'uburogationiste, umuhamagaro w'ubusaserdoti nawo ufitaneye isano n'Ukaristiya. Yanyuze mu bihe bimeze nk'iby'Umwana Samweli: yumvise ijwi rya Nyagasani, kandi aritaba amusanga mu Isakramentu ritagatifu ry'Ukaristiya.

Umuhamagaro wo kwitangira Abakene

Mu myaka yabanjirije ubusaserdoti bwe, akiri umusominari, Anibale ntabwo yirunduriraga mu masomo gusa, ahubwo yanitangiraga kwigisha ndetse no gufasha abakene. Inshuro nyinshi yatimirwaga mu gutanga inyigisho, bitewe n'ikizere baribamufitiye kuko yakundaga amasomo ye, ndetse n'uburyo yakundaga kwigisha Ijambo ry'Imana. Ibyo abigarukaho we ubwe mu nyandiko yanditse yivugaho yariyenewe kuzasomwa mu mihango yo kumushyngura (auto-éloge funèbre)¹⁷.

Ukwitangira kwigisha iby'Imana twavuga ko kwatangirye ku itariki ya 16/10/1870, amaze amezi macye ahawe umwambaro wa kiliziya w'abitoza kuba abasaserdoti. Ubutumire bwa Padiri Mukuru wa Kiliziya yitiriwe Mutagatifu Nicola, wamusabye gutanga inyigisho kuri "Bikira Mariya Umubyeyi w'Ubuntu bw'Imana", bwabimburiye izindi nyigisho nyinshi yatanze muri za kiliziya zitandukanye. Twavuga nk'iyi yatanze muri Kiliziya yitiriwe mutagatifu Yakobo, ndetse no mu Kiliziya yitiriwe Bikiramariya Ubushyngura bw'Isezzerano, aho muri izo Kiliziya zombi yigishije kuri "Bikiramariya Inyenyeri yo mu rukerera". Twavuga kandi inyigisho y'ukwezi kose kwa Bikiramariya, yatangiye muri Kiliziya ya paruwasi avukamo yitiriwe Mutagatifu Laurenti.

Muri make, guhera icyo gihe, yagiye atumirwa kenshi muri kiliziya zitandukanye zo mu mujyi wa Messina ndetse no mu nkengeru zawo, kugira ngo atange inyigisho, ibiganiro, yigishe muri za noveni, atange ibiganiro mu kwezi kwa Bikiramariya...; ubutumire akabwakira kandi umurimo wo kwigisha akawukorana ubwitange n'ishyaka.

Kwitangira abakene. Ubwitange bwe mu kwigisha byagizwemo uruhare n'abapadiri bari bamuzi, bishimiraga uburyo yigisha bakamutumira. Ariko umuhamagaro we mu gufasha abakene warizanye, uza usa n'aho umutunguye, umusaba "Kwimuka akava ku butaka bwe". Byose byatangiyeye mu 1878 ubwo yahuraga n'umukene uzwi nka Zankone, akamutegera ikiganza amusaba. Anibale wari ukiri umudiyakoni icyo gihe aramufasha, hanyuma bagirana ikiganiro kigufi ariko cyabaye intandaro. Padiri Annibale yibutsa uko guhura kwe na Zankone mu Intangiriro y'nyandiko ye yise Ubunyamuryango bw'Abagaciro (Preziose adesioni): "Nkiri umudiyakoni, mfite imyaka 22 (1878), nagiyeye mu rusisiro rw'Avinyone, kari agace gasa n'akagizwe ikivume mu mugu wose, ntungurwa n'ubukene bukabije no kutitabwaho byaharangiye. Abo banyakujya babagaho nk'abantu banyagutabwa: Bibaniraga mu busambanyi, abana babayeho nabi cyane mu mwanda utagira urugero, Utwangavu tutagira kirengera, abasaza n'abakecuru bapfira hasi mu bukonge. Byibutsaga amagambo y'Ivanjili: "Iyo mbaga y'abantu bari barushye kandi bameze nk'intama zitagira umushumba... n'uko Yezu abwira abigishwa be ati: "imyaka yeze ni myinshi, ariko abakozi ni bakeya; nimusabe rero Nyir'imyaka yohereze abakozi mu mirima ye Mt.9,36-38"¹⁸.

Amaze kwinjira no gutura muri urwo rusisiro rwa Avinyone, Diyakoni Anibale yisanze rwagati muri ya vanjili y'intama zitagira umushumba, y'imyaka yeze kandi ishobora kwangirikirira mu murima kubera kubura abakozi bo kuyisarura. Atangira rero kwifashisha abo bakene abigisha kumvira rya tegeko ryo gusaba kugira ngo haboneke abakozi beza kandi benshi muri Kiliziya; ari cyo we yita mu magambo ye bwite "Isengesho ryo mu Ivanjili"¹⁹.

16 B. VITALE, *Il Canonico Annibale Maria Di Francia nella vita e nelle opere*, (cit.) pp. 32-33.
17 lb., pp. 758.760.

18 A. DI FRANCIA, *Scritti*, Editrice Rogate, Roma 2009, Vol. 61, p. 207.
19 Questa espressione rivela l'intimo legame tra Rogate e risposta: la risposta è il prolungamento e il compimento del Rogate, inoltre è più ampia di quella che noi definiamo "Pregghiera per vocazionale" perché abbraccia, oltre ai sacer-

Isengesho ryo kwiambaza Bikiramariya umuziranenge ryo kuwa 15/08/1885 ni urugero rwiza rw'byo tumaze kuvuga. Abarishyizeho imikono yabo 34 biyise "Abana b'abakene", harimo na Faransisko Zankone umwe wahuye na Anibale bwa mbere, "basabye ingabire zikurikira:

1. Twoherereze abakozi b'intungane kugira ngo bite kuri roho zacu; 2. Tuzanire vuba Yezu Kristu mu Isakramentu Ritagatifu kandi udufashe kumuhabwa uko bikwiye; 3. Dukize icyaha cyose n'umwanzi w'ikuzimu; 4. Dufashe kubona imyuga n'ubugeni byo gukora kugira ngo tubashe kubaho; 5. Dufashe kugira ngo kiliziya yacu yubakwe vuba; tubone utundi tuzu n'ibindi byose dukeneye aha ahantu; 6. Fasha kwaguka ndetse no gutera imbere aha hantu habereye ubuhungiro abana benshi, kandi twese utugire abatagatifu. Amen"²⁰.

Abakene bigishijwe inkuru nziza na Annibale Di Francia, bari bazi ko bameze nk'intama zitangira umushumba; niyo mpamvu mbere na mbere basabaga abakozi b'intungane kugira ngo bite kuri roho zabo; icya kabiri, Ingabire y'Ukaristiya n'ibabarirwa ry'ibyaha, kuko nta mupadiri, nta Ukaristiya nta Penetensiya. Nyuma yaho basabaga ibyangombwa kugira ngo babashe gukora, kubaka utuzu twari aho, harimo n'akagenewe Yezu, kwagura ubwo buhungiro bw'abana. Iryo sengesho risozwa n'igisabisho kigira kiti: « twese utugire abatagatifu ». Urutonde rw'ibisabisho rujyanye n'inyigisho y'Ivanjili: « nimushake ubwami bw'Imana » (=abapadiri, Ukaristiya, penetensiya), ibindi muzabihabwa nk'umugereka (=icyo gukora). Turabona ukuntu abo banyakujya bari babayeho nabi cyane, nyamara bamaze kwigishwa Inkuru Nziza bafata iya mbere muri urwo rugamba, mbere na mbere nk'Umusaruro cg imyaka, hanyuma nk'abingenzi bifuzabwo kuba abatagatifu, ni ukuvuga abakozi.

Abarogasiyonisti nyabo

Gufatanyaga n'abakene mu isengesho risaba ngo haboneke abakozi benshi kandi beza muri Kiliziya ntabwo ari ikintu cyo gucyerensha cyangwa ngo kibe umugereka w'ubundi bikorwa, ahubwo ni umushin-

doti, genitori, educatori, governanti, ecc.

20 T. TUSINO, Padre Annibale Maria Di Francia. Memorie biografiche, Editrice Rogate, Roma 1995, Parte Prima, p. 543.

20 A. DI FRANCIA, Scritti, Editrice Rogate, Roma 2009, Vol. VII pp. 150-15.

ga Anibale yahaye agaciro kuva yakinjira muri urwo rusisiro rwa Avinyone nk'uko we ubwe abyibwirira Musenyeri Gwarino mu ibaruwa yamwandikiye ku wa 29/10/1887: "kuva natangira kwegeranya utwana tw'udukobwa tw'udupfubyi, mu bushobozi bwanyje bucyane cyane, najyerageje kubigisha gusenga no kubumvisha ijambo rya Nyagasani Yezu Kristu: "Nimusabe rero nyir'imyaka yoherereze abakozi mu murima we (Rogate ergo Dominum messis, ut mittat operarios in messem suam)" no kubakangurira urukundo rw'isengesho"²¹.

Ndetse n'abepiskopi yakundaga kubibutsa, avuga ibikorwa bye nkaho avuga undi muntu, ko kuva mu ntangiriro y'ubutumwa bwe muri ako gace gakennye cyane k'umujyi wa Messina, yihatiye Gushyira ku mwanya w'ibanze kubahisha kuburyo bushoboka iryo tegeko ry'Imana riva mu mutima wuje ishyamba wa Yezu: "nimusabe rero nyiri myaka yoherereze abasaruzi mu murima we (Rogate ergo Dominum messis, ut mittat Operarios in messem suam)". Yarigize isengesho rusange muri icyo mbaga y'abakene n'abana b'abakene batereranywe, bari bameze nk'intama zitangira umushumba. Ni byiza, nkuko Annibale abigarukaho, ko isengesho ryo gusaba ngo haboneke abakozi b'intungane muri Kiliziya, ryumvikanirwa mu majwi meza y'abana b'abakene rikazamuka riturutse muri urwo rusisiro rukennye cyane maze rikajyera mu ijuru ku ntebe y'Uwunama akareba ijuru n'isi hasi ye (Zaburi 112,6), maze akumva ibyifuzo by'abiyoroshya (Zaburi 10, 17)²².

Mu nyandiko za Anibale Mariya Di Francia dusangamo impamvu ebyiri z'ingenzi zituma afatanyaga n'abakene muri iryo sengesho: impamvu ya mbere ni uko abakene ari bo ba mbere bifitiye inyungu, nibo ntama zitangira umushumba, zisaba Umushumba kohereza abashumba. Impamvu ya kabiri Padiri Annibale ayikura mu byanditswe bitagatifu, byumwihariko muri Zaburi 112,6: Nyagasani areba utuntu duto cyane haba mu ijuru ndetse no ku isi, maze agahitamwo abaciye bugufi akabahaza Ingabire ze.

Kubwa padiri Annibale, guhitamo abakene bihujwe cyane rwose n'umuhamagaro ndetse n'ubutumwa bw'Abarogasiyonisti, "kubera ko

22 Ib., Vol. 50, p. 192.

igihe twitangira gusaba abakozi benshi kandi b'intungane muri Kiliziya, twumva ko mbere na mbere ari twe twagombye kuba bo, maze isengesho rikajyana n'ibikorwa. Mu yandi magambo, usenga asaba yiyemeza no gufatanya n'Imana mu byo asaba. Ntitwasaba abakozi ngo twebwe "twirirwe duhagaze" umunsi wose ntacyo dukora" Mt 20,6), ahubwo tugomba kujyera, mu ntege nke zacu, kuba abakozi beza muri kiliziya ntagatifu"²³.

Ikindi na none Padiri Anibale yashakaga, ni ukugira abandi bantu bamufasha kubaha no gushyira mu bikorwa ririya tegeko rya Yezu ryo gusaba abakozi benshi kandi beza muri Kiliziya. Mbere yo kubisaba abepiskopi n'abapadiri, yahisemo "kwifatanya buri munsi muri iryo sengesho na roho zibikiye kurusha izindi, ni ukuvuga abakene n'abana bato, abo twakwita Abakene b'Umutima wa Yezu"²⁴.

Byongeye, Anibale yibutssa ko ubukene nyabwo bujyana no kwiyoroshya, kuko nk'uko lbyanditswe Bitagatifu bibivuga "Imana yima abirasi, ariko abiyoroshya ikabagirira ubuntu (Yakobo 4,6). Kugira ngo amasengesho yacu yakirwe kandi anyure Imana agomba kuba avuye mu mutima wiyoroheje kandi wicuza (Zaburi 50)"²⁵. Ubukene buvanze n'ubwirasi ntabwo ari bwo Ivanjili itwigisha; padiri Anibale ahamya ko "umukene w'umwirasi usenga aba yivuguruzi; icyaruta kuri we ni ukudasenga. Gusenga ni ukwemera ko ntacyo twakwimariya tudashoboye na Nyagasani; none se kwemera ibyo si impamvu yo kwicisha bugufi?"²⁶.

23 A. DI FRANCIA, Scritti, Editrice Rogate, Roma 2009, Vol. 3, p. 62.
24 Ib., Vol. IX, p. 382.
25 Ib., Vol. 1, p. 64.
26 Ib., Vol. 23, p. 55.



Congregazione dei Rogazionisti del Cuore di Gesù
rog.org



famiglia del rogate

Istituto Figlie del Divino Zelo
figliedivinzelo.it



ISENGESHO RYO KWIYAMBAZA MUTAGATIFU HANNIBAL MARIA DI FRANCIA (Yubile y'imyaka ijana atashye mu Ijuru 1927-2027)

Mutagatifu Hannibal Maria Di Francia

Wowe witabanye ubwiyoroshye umuhamagaro wa Nyagasani, twebwe abana bawe, twigishye guha agaciro impano ya Rogate no kuyibyaza umusaruro buri munsi.

Mu gihe twitegura kwishimira isabukuru y'imyaka ijana utashye mu Ijuru,

tukurangamiye nk'intumwa y'ikirangirire y'isengesho risaba abakozi beza kandi benshi muri Kiliziya;

turasaba Nyagasani tukwisunze ngo yohereze intumwa zicyereye kwamamaza Inkuru Nziza,

kandi tubifashijwemo na Roho umwe wakuyoboye, tubashe gukura mu rukundo rw'Imana n'urwa mugenzi wacu.

Turakurangamiye wowe, ubitewe n'ikibatsi cy'urukundo rwawe, wagaburiye abakene n'abatishoboye umugati w'ubuzima;

Turasaba Nyagasani tukwisunze, kugira ngo amaturo tumuturira mu buzima bwacu bwa buri munsi kuri altari ntagatifu

ajyane no kwitangaho igitambo cy'urukundo rushyitse.

Turakwisunze wowe mu buzima bwawe bwose wagurumanywemo n'icyifuzo cyo kugeza abantu bose ku mukiro w'iteka;

Turakwinginze udusabire ubudahemuka mu muhamagaro wacu kugira ngo hamwe nawe tuzaronke igihembo cyasezeranyijwe

abitangira kwamamaza Ivanjili. Amen.

Igikorwa: Secteur Rogate 2024 - RCJ | FDZ
Gukusanya no gushyira mu nyandiko: P. Reinaldo Leitão, RCJ
Guhindura mu kinyarwanda: P. Eugène, RCJ